# Uburyo bwo Kwirinda Igihe Ukora mu Nzuki

**Salome wo muri Kenya, yambaye umwambaro yikoreye wambarwa mu gihe cyo guhakura**

Andi mafoto yatanzwe na Paul Latham

Igitabo Cya 1 Cy'Ubuvumvu: Uburyo bwo Kwirinda Igihe Ukora mu Nzuki (© Author Pam Gregory, who offers this as her gift to beekeepers in developing countries)

## Uruyuki rurarumana

**Inzuki zirarumana kandi imbori zishobora kuba mbi cyane. Itondere inzuki kandi uzubahe igihe cyose.**



**IBUKE**

**Buri rukora imirimo yo mu mutiba rugira urubori**

**Buri rubori rufite impumuro iburira izindi nzuki ko hari ikibazo**

**Impumuro ireshya izindi nzuki, zikaruma aho urundi rwarumye**

**Shyira umwotsi aho rwakurumye kugirango izindi zidahumurirwa**

**Hita ushinguza urubori mu mubiri wawe**

## Imyambaro yo kwirinda

**Buri gihe ambara imyambaro myiza yo kwirinda igutwikiriye umubiri wose. Iyi myambaro yambarwa mu gihe cyo guhakura, ikorwa mu bikoresho bidahenze biboneka mu buryo bworoshye:**

**Agatimba**

**Amaguru n'amaboko birapfutse neza**

**Ga zambarwa mu ntoki zikozwe muri kawucu**

**Amashashi atwikiriye inkweto, ahambiriye ku tugombambare**

**Niba udashoboye gukora uyu mwambaro, kora agatimba gaciciriritse, nkuko bigaragara mu gice gikurikira.**

**Ga zambarwa mu ntoki zikozwe muri kawucu**

**Ipantalo ifashe**

**Inkweto zikomeye**

**Ambara imyenda itakwegereye cyane.**

**Girira isuku imyambaro wambara uhakura kugirango impumuro y'imbori itumvikanamo.**

## Uburyo bwo guturisha inzuki kugirango zitakurya

**Umwotsi ni uw'ingenzi kuko utuma inzuki zituza. Hariho uburyo bwinshi bwo gufuherera inzuki umwotsi kandi hari n'ubwoko bwinshi bw'amafumba:**

**Umutekano mbere na mbere. Koresha umwotsi mwinshi kugirango uturishe inzuki.**

## Ntugakore wenyine

**Igihe cyose ugiye gukora mu nzuki gira undi muntu mujyana. Banza ugenzure ko imyambaro yawe iteguye.**

**IBUKA**

- **Ntugapfe gupfundura umutiba nta mpamvu yumvikana**
- **Pfundura umutiba witonze**
- **Kora vuba vuba kandi nta rusaku**
- **Koresha umwotsi mwinshi**
- **Pfundura imitiba igihe hari ikirere gihehereye**
- **Akenshi bikorwa mu gitondo kare cyangwa nimugoroba**
- **Gufungura umutiba nimugoroba, bifasha inzuki kongera kwikusanya ijoro ryose**
- **Mbere na mbere umutekano**